

Ibirimo/Summary/Sommaire **page/urup**

A. Amateka ya Perezida / Presidential Orders / Arrêtés Présidentiels

N° 92/01 ryo ku wa 18/06/2014

Iteka rya Perezida rigena ingano y'imishahara n'ibindi bigenerwa Abanyapolitiki Bakuru b'Igihugu n'uburyo bitangwa.....4

N° 92/01 of 18/06/2014

Presidential Order determining the amount of salaries and other fringe benefits to state High Political Leaders and modalities of their allocation.....4

N° 92/01 du 18/06/2014

Arrêté Présidentiel déterminant le montant des salaires et autres avantages accordés aux Hauts Mandataires Politiques de l'Etat et les modalités de leur allocation.....4

N° 93/01 ryo kuwa 18/06/2014

Iteka rya Perezida rihindura kandi ryuzuzwa Iteka rya Perezida n° 54/01 ryo kuwa 02/11/2012 rishyiraho imishahara n'ibindi bigenerwa Perezida na Visi Perezida b'Urukiko rw'Ikirenga.....24

N° 93/01 of 18/06/2014

Presidential Order modifying and complementing Presidential Order n° 54/01 of 02/11/2012 determining salaries and fringe benefits for the President and Vice President of the Supreme Court.....24

N° 93/01 du 18/06/2014

Arrêté Présidentiel modifiant et complétant l'Arrêté Présidentiel n° 54/01 du 02/11/2012 déterminant les salaires et autres avantages alloués au Président et au Vice-Président de la Cour Suprême.....24

N° 94/01 ryo kuwa 18/06/2014

Iteka rya Perezida ryemeza burundu amasezerano ashirahwa Ihuriro Nyafurika ry'Ubuyobozi bw'Imisoro yashyizweho umukono i Tunis ku wa 15 Ugushyamba 2010.....31

N° 94/01 of 18/06/2014

Presidential Order on the ratification of the agreement on the establishment of the African Tax Administration Forum signed in Tunis on 15 November 2010.....31

N° 94/01 du 18/06/2014

Arrêté Présidentiel portant ratification de l'Accord portant instauration du Forum Africain de l'Administration Fiscale signé à Tunis le 15 novembre 2010.....31

N° 95/01 ryo kuwa 18/06/2014

Iteka rya Perezida rihindura kandi ryuzuzwa Iteka rya Perezida n° 56/01 ryo kuwa 02/11/2012 rishyiraho imishahara n'ibindi bigenerwa Umushinjacyaha Mukuru n'Umushinjacyaha Mukuru Wungirije.....35

N° 95/01 of 18/06/2014

Presidential Order modifying and complementing Presidential Order n° 56/01 of 02/11/2012 determining salaries and fringe benefits for the Prosecutor General and the Deputy Prosecutor General.....35

N° 95/01 du 18/06/2014

Arrêté Présidentiel modifiant et complétant l'Arrêté Présidentiel n° 56/01 du 02/11/2012 déterminant les salaires et autres avantages alloués au Procureur Général et au Procureur Général Adjoint.....35

N°96/01 ryo kuwa 18/06/2014

Iteka rya Perezida rishyiraho imishahara n'ibindi bigenerwa Umuyobozi Mukuru ushinzwe ibikorwa, Umuyobozi Mukuru ushinzwe imari, n'Abayobozi b'Amashami mu Rwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda.....42

N°96/01 of 18/06/2014

Presidential Order determining salaries and fringe benefits for the Chief Operating Officer, Chief Financial Officer and Heads of Departments in Rwanda Development Board42

N°96/01 du 18/06/2014

Arrêté Présidentiel déterminant les salaires et autres avantages alloués au Directeur Général des Opérations, au Directeur Général des finances et aux Chefs de Départements au sein de l'Office pour la Promotion du Développement au Rwanda.....42

N° 97/01 ryo ku wa 18/6/2014

Iteka rya Perezida rigena imikorere n'ububasha by'Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka..50

N° 97/01 of 18/6/2014

Presidential Order determining the functioning and the competences of the Registrar of Land Titles.....50

N° 97/01 du 18/6/2014

Arrêté Présidentiel déterminant le fonctionnement et les compétences du Conservateur des Titres Fonciers.....50

N° 98/01 ryo ku wa 18/06/2014

Iteka rya Perezida rihindura kandi ryuzuzwa Iteka rya Perezida n° 41/01 ryo ku wa 07/09/2012 rishyiraho imishahara n'ibindi bigenerwa Umugenzuzi Mukuru wa Gender n'Umugenzuzi Mukuru wa Gender Wungirije.....64

N° 98/01 of 18/06/2014

Presidential Order modifying and complementing the Presidential Order n° 41/01 of 07/09/2012 fixing salaries and fringe benefits for the Chief Gender Monitor and the Deputy Chief Gender Monitor.....64

N° 98/01 du 18/06/2014

Arrêté Présidentiel modifiant et complétant l'Arrêté Présidentiel n° 41/01 du 07/09/2012 fixant les salaires et autres avantages alloués à l'Observateur en Chef du Genre et à l'Observateur en Chef Adjoint du Genre.....64

N° 99/01 ryo kuwa 18/06/2014

Iteka rya Perezida rishyiraho umushahara n'ibindi bigenerwa Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro.....70

N° 99/01 of 18/06/2014

Presidential Order determining the salary and fringe benefits for the Director General of Rwanda Utilities Regulatory Authority.....70

N° 99/01 du 18/06/2014

Arrêté Présidentiel déterminant le salaire et autres avantages alloués au Directeur Général de l'Autorité Rwandaise de Régulation de certains services d'utilité publique.....70

B. Amateka ya Minisitiri w'Intebe / Prime Minister's Orders / Arrêtés du Premier Ministre

N° 64/03 ryo kuwa 18/06/2014

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena Urwego rureberera Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imiyoborere n'icyiciro kirimo, rikanagena imiterere, imikorere n'inshingano by'inzeho z'imirimo zacyo.....76

N° 64/03 of 18/06/2014

Prime Minister's Order determining the supervising authority and category of Rwanda Governance Board and organisation, functioning and responsibilities of its organs.....76

N° 64/03 du 18/06/2014

Arrêté du Premier Ministre déterminant l'autorité de supervision et la catégorie de l'Office Rwandais de la Gouvernance ainsi que l'organisation, le fonctionnement et les attributions de ses organes76

N° 65/03 ryo kuwa 18/06/2014

Iteka rya Minisitiri w'Intebe risezerera nta mpaka Umuyobozi Mukuru.....93

N° 65/03 of 18/06/2014

Prime Minister's Order removing from Office a Director General.....93

N° 65/03 du 18/06/2014

Arrêté du Premier Ministre portant démission d'Office d'un Directeur Général93

ITEKA RYA PEREZIDA N° 92/01 RYO KU WA 18/06/2014 RIGENA INGANO Y'IMISHAHARA N'IBINDI BIGENERWA ABANYAPOLITIKI BAKURU B'IGIHUGU N'UBURYO BITANGWA

PRESIDENTIAL ORDER N° 92/01 OF 18/06/2014 DETERMINING THE AMOUNT OF SALARIES AND OTHER FRINGE BENEFITS TO STATE HIGH POLITICAL LEADERS AND MODALITIES OF THEIR ALLOCATION

ARRETE PRESIDENTIEL N° 92/01 DU 18/06/2014 DETERMINANT LE MONTANT DES SALAIRES ET AUTRES AVANTAGES ACCORDES AUX HAUTS MANDATAIRES POLITIQUES DE L'ETAT ET LES MODALITES DE LEUR ALLOCATION

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Abo iri teka rireba

Article 2: Scope of application of this Order

Article 2: Champ d'application du présent arrêté

Ingingo ya 3: Uburyo imishahara n'ibindi bitangwa

Article 3: Allocation of salaries and other fringe benefits

Article 3: Allocation des salaires et autres avantages

UMUTWE WA II: INGANO Y'IMISHAHARA N'IBINDI BIGENERWA ABANYANYAPOLITIKI BAKURU B'IGIHUGU N'UBURYO BITANGWA

CHAPTER II: AMOUNT OF SALARIES AND OTHER FRINGE BENEFITS TO THE STATE HIGH POLITICAL LEADERS AND MODALITIES OF THEIR ALLOCATION

CHAPITRE II: MONTANT DES SALAIRES ET AUTRES AVANTAGES ACCORDES AUX HAUTS MANDATAIRES POLITIQUES DE L'ETAT ET LES MODALITES DE LEUR ALLOCATION

Ingingo ya 4: Perezida wa Repubulika

Article 4: President of the Republic

Article 4: Président de la République

Ingingo ya 5: Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite na Minisitiri w'Intebe

Article 5: President of the Senate, Speaker of the Chamber of Deputies and the Prime Minister

Article 5: Président du Sénat, Président de la Chambre des Députés et le Premier Ministre

Ingingo ya 6: Aba Visi-Perezida ba Sena, aba Visi-Perezida b'Umutwe w'Abadepite,

Article 6: Vice-Presidents of the Senate, Deputy Speakers of the Chamber of Deputies,

Article 6: Vice -Présidents du Sénat, Vice -Présidents de la Chambre des Députés,

Official Gazette n° 27 of 07/07/2014

Abaminisitiri, Abanyamabanga ba Leta n'abandi bagize Guverinoma bashobora gushyirwaho na Perezida wa Repubulika	Ministers, Ministers of State and Cabinet Members who may be appointed by the President of the Republic	Ministres, Secrétaires d'Etat et les autres membres du gouvernement qui peuvent être nommés par le Président de la République
<u>Ingingo ya 7:</u> Abaguverineri b'Intara n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali	<u>Article 7:</u> Governors of Provinces and the Mayor of the City of Kigali	<u>Article 7:</u> Gouverneurs de Provinces et Maire de la Ville de Kigali
<u>Ingingo ya 8:</u> Abasenateri n'Abadepite	<u>Article 8:</u> Senators and Deputies	<u>Article 8:</u> Sénateurs et Députés
<u>Ingingo ya 9:</u> Amafaranga y'ubutumwa imbere mu Gihugu	<u>Article 9:</u> Allowances for official mission inside the country	<u>Article 9:</u> Frais de mission officielle à l'intérieur du pays
<u>Ingingo ya 10:</u> Amafaranga ntarengwa y'ubutumwa imbere mu Gihugu	<u>Article 10:</u> Limit for official mission allowances inside the Country	<u>Article 10 :</u> Limite pour les frais de mission officielle à l'intérieur du pays
<u>Ingingo ya 11:</u> Igenwa ry'amafaranga y'ubutumwa	<u>Ingingo ya 11:</u> Determination of official mission allowances	<u>Article 11:</u> Fixation des frais de mission officielle
<u>Ingingo ya 12:</u> Amafaranga y'urugendo rw'imodoka	<u>Article 12:</u> Mileage allowances	<u>Article 12:</u> Indemnités kilométriques
<u>Ingingo ya 13:</u> Amafaranga y'ubutumwa hanze y'Igihugu	<u>Article 13:</u> Allowances for official mission abroad	<u>Article 13:</u> Frais de mission officielle à l'extérieur du Pays
<u>Ingingo ya 14:</u> Uburinzi	<u>Article 14:</u> Security	<u>Article 14:</u> Sécurité
<u>Ingingo ya 15:</u> Koroherezwa ingendo	<u>Article 15:</u> Transport facilitation	<u>Article 15:</u> Facilitation de transport
<u>Ingingo ya 16:</u> Amafaranga y'ishyingura n'ay'impozamarira	<u>Article 16:</u> Funeral expenses and death allowance	<u>Article 16:</u> Dépenses funéraires et indemnité de décès

UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA

CHAPTER V: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 17: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Article 17: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 17: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Ingingo ya 18: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 18: Repealing provision

Article 18: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 19: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 19: Commencement

Article 19: Entrée en vigueur

ITEKA RYA PEREZIDA N° 92/01 RYO KU WA 18/06/2014 RIGENA INGANO Y'IMISHAHARA N'IBINDI BIGENERWA ABANYAPOLITIKI BAKURU B'IGIHUGU N'UBURYO BITANGWA

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kanama 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 113, iya 121 n'ya 201;

Dushingiye ku Itegeko Ngenga n° 05/2012/OL ryo ku wa 03/09/2012 rishyiraho ibigenerwa abanyapolitiki bakuru b'Igihugu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3, iya 4, iya 5, iya 6, iya 7 n'ya 12;

Dusubiye ku Iteka rya Perezida n° 55/01 ryo ku wa 02/11/2012 rigena ingano y'imishahara n'ibindi bigenerwa Abanyapolitiki Bakuru b'Igihugu n'uburyo bitangwa nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 24/02/2014 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

PRESIDENTIAL ORDER N° 92/01 OF 18/06/2014 DETERMINING THE AMOUNT OF SALARIES AND OTHER FRINGE BENEFITS TO STATE HIGH POLITICAL LEADERS AND MODALITIES OF THEIR ALLOCATION

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 112, 113, 121 and 201;

Pursuant to Organic Law n° 05/2012/OL of 03/09/2012 determining allowances and other fringe benefits for State High Political Leaders, especially in Articles 3, 4, 5, 6, 7 and 12;

Having reviewed Presidential Order n° 55/01 of 02/11/2012 determining the amount of salaries and other fringe benefits for State High Political Leaders and modalities of their allocation as modified and complemented to date;

On proposal by the Minister of Public Service and Labour;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 24/02/2014;

ARRETE PRESIDENTIEL N° 92/01 DU 18/06/2014 DETERMINANT LE MONTANT DES SALAIRES ET AUTRES AVANTAGES ACCORDES AUX HAUTS MANDATAIRES POLITIQUES DE L'ETAT ET LES MODALITES DE LEUR ALLOCATION

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 112, 113, 121 et 201;

Vu la Loi Organique n° 05/2012/OL du 03/09/2012 déterminant les indemnités et autres avantages alloués aux hauts mandataires politiques de l'Etat, spécialement en ses articles 3, 4, 5, 6, 7 et 12;

Revu l'Arrêté Présidentiel n° 55/01 du 02/11/2012 déterminant le montant des salaires et autres avantages accordés aux hauts mandataires politiques de l'Etat et les modalités de leur allocation tel que modifié et complété à ce jour ;

Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 24/02/2014;

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:

HAVE ORDERED AND HEREBY ORDER:

AVONS ARRETE ET ARRETONS:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Iri teka rigena ingano y'imishahara n'ibindi bigenerwa Abanyapolitiki Bakuru b'Igihugu, rikanagena n'uburyo bitangwa.

This Order shall determine the amount of salaries and other fringe benefits to State High Political Leaders and modalities of their allocation.

Le présent arrêté détermine le montant des salaires et autres avantages accordés aux hauts mandataires politiques de l'Etat ainsi que les modalités de leur allocation.

Ingingo ya 2: Abo iri teka rireba

Article 2: Scope of application of this Order

Article 2: Champ d'application du présent arrêté

Abanyapolitiki bakuru b'Igihugu barebwa n'iri teka ni aba bakurikira:

The State High Political Leaders to whom this Order shall apply are the following:

Les hauts mandataires politiques de l'Etat visés dans le présent arrêté sont les suivants:

- 1° Perezida wa Repbulika;
- 2° Perezida wa Sena;
- 3° Perezida w'Umutwe w'Abadepite;
- 4° Minisitiri w'Intebe;
- 5° ba Visi Perezida ba Sena;

- 6° ba Visi Perezida b'Umutwe w'Abadepite;
- 7° Abaminisitiri;

- 8° Abanyamabanga ba Leta;

- 9° Abandi bagize Guverinoma bashobora gushyirwaho na Perezida wa Repbulika;

- 1° the President of the Republic;
- 2° the President of the Senate;
- 3° the Speaker of the Chamber of Deputies;
- 4° the Prime Minister;
- 5° the Vice Presidents of Senate;

- 6° the Deputy Speakers of the Chamber of Deputies;
- 7° Ministers ;

- 8° Ministers of State;

- 9° Other Cabinet Members who may be appointed by the President of the

- 1° le Président de la République;
- 2° le Président du Sénat;
- 3° le Président de la Chambre des Députés;
- 4° le Premier Ministre;
- 5° les Vice-Présidents du Sénat;

- 6° les Vice-Présidents de la Chambre des Députés;
- 7° les Ministres;

- 8° les Secrétaires d'Etat;

- 9° les autres membres du Gouvernement qui peuvent être nommés par le Président de la République;

Official Gazette n° 27 of 07/07/2014

10° Abaguverineri b'Intara;

11° Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali;

12° Abasenateri n'Abadepite.

Republic;
10° Provincial Governors;

11° the Mayor of the City of Kigali;

12° Senators and Deputies.

10° les Gouverneurs de Province;

11° le Maire de la Ville de Kigali;

12° les Sénateurs et les Députés.

Ingingo ya 3: Uburyo imishahara n'ibindi bitangwa

Abanyapolitike bakuru b'Igihugu bahabwa imishahara n'ibindi bagenerwa hashingiwe ku nzego z'imirimo n'imyanya y'imirimo barimo.

Umushahara mbumbe ugenerwa buri munyapolitiki mukuru uvugwa muri iri teka wiyongeraho icumi ku ijana (10%) byawo nyuma ya buri myaka itatu (3).

UMUTWE WA II: INGANO Y'IMISHAHARA N'IBINDI BIGENERWA ABANYANYAPOLITIKI BAKURU B'IGIHUGU N'UBURYO BITANGWA

Ingingo ya 4: Perezida wa Repubulika

Perezida wa Repubulika agenerwa:

1° umushahara mbumbe ungana n'amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshanu n'ibihumbi magana atanu na mirongo ine na birindwi na magana

Article 3: Allocation of salaries and other fringe benefits

State High Political Leaders shall be entitled to salaries and other fringe benefits on basis of the Job classification and the post occupied.

The gross salary for each State High Political Leader as determined by this Order shall be increased by ten per cent (10%) after every three (3) years.

CHAPTER II: AMOUNT OF SALARIES AND OTHER FRINGE BENEFITS TO THE STATE HIGH POLITICAL LEADERS AND MODALITIES OF THEIR ALLOCATION

Article 4: President of the Republic

The President of the Republic shall be entitled to the following:

1° a gross salary of five million five hundred forty seven thousand and nine hundred sixty Rwandan francs (Rwf 5,547,960) per month;

Article 3: Allocation des salaires et autres avantages

Les hauts mandataires politiques de l'Etat bénéficient des salaires et autres avantages suivant la classification des emplois et le poste occupé.

Le salaire brut d'un haut mandataire politique visé au présent arrêté subit une augmentation de dix pour cent (10%) après chaque période de trois (3) ans.

CHAPITRE II : MONTANT DES SALAIRES ET AUTRES AVANTAGES ACCORDES AUX HAUTS MANDATAIRES POLITIQUES DE L'ETAT ET LES MODALITES DE LEUR ALLOCATION

Article 4: Président de la République

Le Président de la République bénéficie de:

1° un salaire brut équivalent à cinq millions cinq cent quarante-sept mille neuf cent soixante francs rwandais (5.547.960 Frw) par mois ;

Official Gazette n° 27 of 07/07/2014

cyenda (5.547.960 Frw)	mirongo buri kwezi;	itandatu
2° inzu yo kubamo ifite ibyangombwa byose;	2° a fully furnished State house;	2° une résidence présidentielle de fonction avec tous les équipements nécessaires ;
3° imodoka eshanu (5) z'akazi za buri gihe n'ibyangombwa byazo byose byishyurwa na Leta;	3° five (5) permanent official vehicles with all their maintenance costs paid by the State;	3° cinq (5) véhicules de fonction en permanence dont les frais d'entretien sont entièrement à la charge de l'Etat ;
4° amafaranga yo kwakira abashyitsi mu rwego rw'akazi yose yishyurwa na Leta;	4° office entertainment allowance fully paid by the State;	4° frais de représentation au service à la charge de l'Etat ;
5° uburyo bw'itumanaho rigezweho, rigizwe na telefoni itagendanwa, telefoni igendanwa, fax, internet itagendanwa na internet igendanwa, telefoni satelite, anteni parabolike n'irindi tumanaho ryose rya ngombwa mu biro, mu rugo n'ahandi hose bigaragaye ko ari ngombwa rimufasha kuzuza inshingano ze, byose byishyurwa na Leta;	5° modern communication equipment including a fixed telephone line, a mobile phone, fax machine, wireless and local area internet connection, a satellite phone, a dish antenna and any other necessary communication means installed both at office and residence and in any other place as may be necessary where to facilitate the discharge of presidential duties, all paid for by the State;	5° moyens de communication ultramoderne dont un téléphone fixe, un téléphone portable, un télécopieur, un fax, l'internet sans fil et local, un téléphone satellitaire, une antenne parabolique et tous autres moyens de communication jugés nécessaires pour l'accomplissement de ses attributions installés au bureau et à la résidence et en tout autre lieu jugé nécessaire, tous entièrement à charge de l'Etat;
6° amafaranga akoreshwa mu rugo angana na miliyoni esheshatu n'ibihumbi magana atanu y'u Rwanda (6.500.000 Frw) buri kwezi;	6° residence and guest entertainment allowance of six million and five hundred thousand Rwandan francs (Rwf 6,500,000) per month;	6° frais d'intendance équivalant à six millions cinq cent mille francs rwandais (6.500.000 Frw) par mois;
7° amazi n'amashanyarazi byishyurwa byose na Leta;	7° water and electricity bills all fully paid by the State;	7° consommation en eau et électricité à la charge de l'Etat ;
8° uburinzi buhoraho haba ku kazi, mu rugo	8° permanent security at work, residence as	8° une garde en permanence au service, à la

ndetse n'ahandi hose.

well as any other place.

résidence et en tout autre endroit.

Ingingo ya 5: Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite na Minisitiri w'Intebe

Article 5: President of the Senate, Speaker of the Chamber of Deputies and the Prime Minister

Article 5: Président du Sénat, Président de la Chambre des Députés et le Premier Ministre

Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite na Minisitiri w'Intebe bagenerwa buri wese umushahara mbumbe w'umurimo ungana n'amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshatu n'ibihumbi magana cyenda na mirongo itanu na kimwe n'ijana na makumyabiri n'icyenda (3.951.129 Frw) buri kwezi.

The President of the Senate, the Speaker of the Chamber of Deputies and the Prime Minister shall each be entitled to a gross salary of three million nine hundred fifty one thousand and one hundred twenty nine Rwandan francs (Rwf 3,951,129) per month.

Le Président du Sénat, le Président de la Chambre des Députés et le Premier Ministre bénéficient chacun d'un salaire brut équivalant à trois millions neuf cent cinquante-un mille cent vingt-neuf francs rwandais (3.951.129 Frw) par mois.

Buri wese agenerwa kandi ibi bikurikira:

They shall each also be entitled to following fringe benefits:

Chacun bénéficie en outre des avantages suivants:

1° inzu yo kubamo ifite ibyangombwa;

1° a furnished residential house;

1° une résidence de fonction avec équipements;

2° imodoka imwe (1) y'akazi buri gihe n'ibikenewe byose mu kuyifata neza byishyurwa na Leta;

2° one (1) permanent official vehicle with all its maintenance costs paid by the State;

2° un (1) véhicule de fonction en permanence dont tous les frais d'entretien sont à la charge de l'Etat;

3° amafaranga yo kwakira abashyitsi mu rwego rw'akazi angana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atandatu (600.000 Frw) buri kwezi anyura kuri konti y'urwego bireba;

3° an office entertainment allowance of six hundred thousand Rwandan francs (Rwf 600,000) per month transferred to the concerned Institution's bank account;

3° des frais de représentation au service équivalant à six cent mille francs rwandais (600.000 Frw) domiciliés au compte bancaire de l'institution concernée;

4° uburyo bw'itumanaho rigezweho mu biro no mu rugo, rigizwe na telefoni itagendanwa, telefoni igendanwa, fax, internet igendanwa n'itagendanwa,

4° modern communication equipment at home and in office including a fixed telephone line, a mobile phone, fax machine, wireless and local area internet

4° des moyens de communication ultramoderne à la maison et au bureau dont un téléphone fixe, un téléphone portable, un télécopieur, un fax, l'Internet

Official Gazette n° 27 of 07/07/2014

telefoni ikorana na satellite ndetse na anteni parabolike, byose bikishyurwa na Leta;	connection, a satellite phone and a dish antenna, all shall be paid by the State;	sans fil et local, un téléphone satellitaire et une antenne parabolique, tous entièrement à la charge de l'Etat;
5° amafaranga yo kwakira abashyitsi mu rugo angana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atandatu (600.000 Frw) buri kwezi;	5° residential guest entertainment allowance of six hundred thousand Rwandan francs (Rwf 600,000) per month;	5° des frais de représentation à domicile équivalant à six cent mille francs rwandais (600.000 Frw) par mois;
6° amazi n'amashanyarazi byose byishyurwa na Leta;	6° water and electricity bills all fully paid for by the State;	6° une prise en charge par l'Etat de la consommation d'eau et électricité;
7° uburinzi buhoraho ku kazi, mu rugo n'ahandi hose bibaye ngombwa;	7° permanent security at work, residence and anywhere else as deemed necessary;	7° une garde en permanence au service, à la résidence et en tout autre lieu où il s'avère nécessaire ;

Amabwiriza ya Minisitiri ufite imiturire mu nshingano ze agena agaciro ntarengwa k'inzu ivugwa muri iyi ngingo mu gace kayo ka mbere n'agaciro ntarengwa k'ibyangombwa bigomba kuba biyirimo.

Ingingo ya 6: Aba Visi-Perezida ba Sena, aba Visi-Perezida b'Umutwe w'Abadepite, Abaminisitiri, abandi bagize Guverinoma bashobora gushyirwaho na Perezida wa Repubulika n'Abanyamabanga ba Leta

Aba Visi-Perezida ba Sena, aba Visi-Perezida b'Umutwe w'Abadepite, Abaminisitiri n'abandi bagize Guverinoma bashobora gushyirwaho na Perezida wa Repubulika bagenerwa buri wese umushahara mbumbe w'umurimo buri kwezi ungana n'amafaranga y'u Rwanda miliyoni ebyiri n'ibihumbi magana atatu na bine na magana

The Instructions of the Minister in charge of housing shall determine the standing and maximum value of the residential house mentioned in point one of this Article and the maximum value of equipment therein.

Article 6: Vice-Presidents of the Senate, Deputy Speakers of the Chamber of Deputies, Ministers, Cabinet Members who may be appointed by the President of the Republic and Ministers of State

Vice-Presidents of the Senate, Deputy Speakers of the Chamber of Deputies, Ministers and other Cabinet Members who may be appointed by the President of the Republic, shall each be entitled to a gross monthly salary of two million three hundred and four thousand and five hundred forty Rwandan francs (Rwf 2,304,540).

Une instruction du Ministre ayant l'habitat dans ses attributions détermine la catégorie et le plafond de la valeur de la résidence visée au point premier du présent article ainsi que le plafond de la valeur de son équipement.

Article 6: Vice-Présidents du Sénat, Vice-Présidents de la Chambre des Députés, Ministres, autres membres du Gouvernement qui peuvent être nommés par le Président de la République et Secrétaires d'Etat

Les Vice-Présidents du Sénat, les Vice-Présidents de la Chambre des Députés, les Ministres et les autres membres du Gouvernement qui peuvent être nommés par le Président de la République, bénéficient chacun d'un salaire mensuel brut équivalant à deux million trois cent quatre mille cinq cent quarante francs rwandais (2.304.540)

Official Gazette n° 27 of 07/07/2014

atanu mirongo ine (2.304.540 Frw).

Abanyamabanga ba Leta bagenerwa buri wese umushahara mbumbe w'umurimo buri kwezi ungana n'amafaranga y'u Rwanda miliyoni ebyiri n'ibihumbi magana abiri na cumi na bitatu na magana ane (2.213.400 Frw).

Aba Visi-Perezida ba Sena, aba Visi-Perezida b'Umutwe w'Abadepite, Abaminisitiri, abandi bagize Guverinoma bashobora gushyirwaho na Perezida wa Repubulika n'Abanyamabanga ba Leta bagenerwa kandi buri wese ibindi bibafasha gutunganya imirimo bashinzwe, bikurikira:

- 1° amafaranga y'icumbi angana n'ibihumbi magana atanu y'u Rwanda (500.000 Rwf) buri kwezi;
- 2° amafaranga yo kwakira abashyitsi mu rwego rw'akazi angana n'amafaranga ibihumbi magana atatu y'u Rwanda (300.000 frw) buri kwezi, anyura kuri konti y'Urwego bireba;
- 3° amafaranga yo kwishyura telefoni, internet na fax byo mu biro angana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana (100.000 Frw) buri kwezi, amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo ine (40.000Frw) buri kwezi ya internet igendanwa n'aya telefoni igendanwa angana n'ibihumbi ijana na mirongo itanu (150.000 Frw) buri kwezi;

Ministers of State shall each be entitled to a gross salary of two million two hundred thirteen thousand four hundred Rwandan francs (Rwf 2,213,400) per month.

Vice-Presidents of the Senate, Deputy Speakers of the Chamber of Deputies, Ministers, other Cabinet Members who may be appointed by the President of the Republic and Ministers of State shall also each be entitled to the following fringe benefits:

- 1° a monthly housing allowance equivalent to five hundred Rwandan francs (Rwf 500,000);
- 2° office entertainment allowance of three hundred thousand Rwandan francs (Rwf 300,000) per month transferred to the concerned institution's bank account;
- 3° one hundred thousand Rwandan francs (Rwf 100,000) every month for office telephone, fax and internet and forty thousand Rwandan francs (Rwf 40,000) per month for wireless internet connection and one hundred and fifty thousand Rwandan francs (Rwf 150,000) for mobile phone per month;

Frw).

Les Secrétaires d'Etat bénéficient chacun d'un salaire mensuel brut équivalent à deux million deux cent treize mille quatre cent francs rwandais (2.213.400 Frw).

En outre, les Vice-Présidents du Sénat, les Vice-Présidents de la Chambre des Députés, les Ministres, les autres membres du Gouvernement qui peuvent être nommés par le Président de la République et les Secrétaires d'Etat bénéficient chacun, des avantages suivants:

- 1° une indemnité mensuelle de logement équivalent à cinq cent mille francs rwandais (500.000 Frw);
- 2° des frais de représentation au service équivalent à trois cent mille francs rwandais (300.000 Frw) chaque mois domiciliés au compte bancaire de l'institution concernée ;
- 3° des frais de téléphone, de fax et d'internet de bureau équivalent à cent mille francs rwandais (100.000 Frw) par mois et des frais d'internet sans fil équivalent à quarante mille francs rwandais (40.000 Frw) par mois et ceux de téléphone portable équivalent à cent cinquante mille francs rwandais (150.000 Frw) par mois ;

Official Gazette n° 27 of 07/07/2014

4° uburinzi buhoraho ku kazi, mu rugo n'ahandi hose bibaye ngombwa;

5° amafaranga yo kwigurira ibikoresho byo mu nzu angana na miliyoni eshanu z'amafaranga y'u Rwanda (5.000.000 Frw) iyo atangiye imirimo. Aya mafaranga atangwa rimwe gusa kabone n'ubwo habaho guhindurirwa umwanya w'umurimo;

4° permanent security at work, residence and anywhere else as deemed necessary;

5° allowance to purchase house furniture and equipment equivalent to five million Rwandan francs (Rwf 5,000,000) when he/she takes up office. This allowance shall be granted only once even when there is a change in the State High Political Leader's post;

4° une garde en permanence au service, à la résidence et en tout autre lieu où il s'avère nécessaire ;

5° une allocation pour l'achat du mobilier et autre équipement domestique équivalent à cinq million de francs rwandais (5.000.000 Frw) lorsqu'il entre en fonction. Cette allocation est accordée une seule fois même en cas de changement de poste de travail;

Amafaranga y'icumbi ya buri kwezi avugwa mu gace ka 1° k'igika cya mbere cy'iyi ngingo ntagenerwa Umunyapolitiki Mukuru w'Igihugu uvugwa muri iyi ngingo, iyo yahawe na Leta inkunga y'icumbi yatanzwe ingunga imwe, ingana na miliyoni cumi n'ebiyiri z'amafaranga y'u Rwanda (12.000.000 Frw), mu gihe hakurikizwaga amategeko yabigenaga.

The monthly housing allowance stipulated in point 1° of Paragraph One of this Article, shall not be allocated to the State High Political Leader referred to in this Article, if he/she received the fixed sum accommodation allowance equivalent to twelve million Rwandan francs (Rwf 12,000,000) in respect of relevant prior provisions of Law.

L'indemnité mensuelle de logement visée au point 1° de l'alinéa premier du présent article n'est pas allouée au haut mandataire politique de l'Etat, dont mention au présent article, s'il a bénéficié d'une indemnité forfaitaire de logement équivalent à douze million de francs rwandais (12.000.000 Frw) conformément aux dispositions légales antérieures y relatives.

Article 7: Abaguverineri b'Intara n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali

Abaguverineri b'Intara n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali bagenerwa buri wese umushahara mbumbe w'umurimo buri kwezi ungana n'amafaranga y'u Rwanda miliyoni ebyiri n'ibihumbi magana abiri na cumi na bitatu na magana ane (2.213.400 Frw).

Article 7: Governors of Provinces and the Mayor of the City of Kigali

Governors of Provinces and the Mayor of the City of Kigali shall each be entitled to a gross monthly salary of two million two hundred thirteen thousand four hundred Rwandan francs (Rwf 2,213,400).

Article 7: Gouverneurs de Provinces et Maire de la Ville de Kigali

Les Gouverneurs de Provinces et le Maire de la Ville de Kigali bénéficient chacun d'un salaire mensuel brut équivalent à deux million deux cent treize mille quatre cent francs rwandais (2.213.400 Frw).

Buri wese agenerwa kandi ibindi bimufasha gutunganya imirimo ashinzwe, bikurikira:

They shall each be entitled to the following fringe benefits:

Chacun bénéficie en outre des avantages suivants:

Official Gazette n° 27 of 07/07/2014

- | | | |
|---|--|---|
| 1° amafaranga y'icumbi angana n'ibihumbi magana ane by'amafaranga y'u Rwanda (400.000 Frw) buri kwezi; | 1° a housing allowance equivalent to four hundred thousand Rwandan francs (Rwf 400,000) per month; | 1° une indemnité mensuelle de logement équivalant à quatre cent mille francs rwandais (400.000 Frw) ; |
| 2° amafaranga yo kwakira abashyitsi mu rwego rw'akazi angana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atatu (300.000 Frw) buri kwezi anyura kuri konti y'urwego bireba; | 2° office entertainment allowance of three hundred thousand Rwandan francs (Rwf 300,000) per month transferred to the concerned institution's bank account; | 2° des frais de représentation au service équivalant à trois cent mille francs rwandais (300.000 Frw) chaque mois, domiciliés au compte bancaire de l'institution concernée ; |
| 3° amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana (100.000 Frw) buri kwezi ya telefoni, fax na internet byo mu biro n'ibihumbi mirongo ine (40.000 Frw) buri kwezi ya internet igendanwa n'aya telefoni igendanwa angana n'ibihumbi ijana na mirongo itanu (150.000 Frw) buri kwezi; | 3° one hundred thousand Rwandan francs (Rwf 100,000) for Office telephone, fax and internet and forty thousand Rwandan francs (Rwf 40,000) for wireless internet connection allowances per month and one hundred and fifty thousand Rwandan francs (Rwf 150,000) for mobile phone per month; | 3° des frais de téléphone, fax et internet de bureau équivalant à cent mille francs rwandais (100.000 Frw) et quarante mille francs rwandais (40.000 Frw) d'internet sans fil par mois et ceux de téléphone portable équivalant à cent cinquante mille francs rwandais (150.000 Frw) par mois ; |
| 4° uburinzi buhoraho ku kazi, mu rugo n'ahandi hose bibaye ngombwa; | 4° permanent security at work, residence and anywhere else as deemed necessary; | 4° une garde en permanence au service, à la résidence et en tout autre lieu où il s'avère nécessaire ; |
| 5° amafaranga yo kwigurira ibikoresho byo mu nzu angana na miliyoni eshanu z'amafaranga y'u Rwanda (5.000.000 Frw) ahabwa buri wese iyo atangiye imirimo. Aya mafaranga atangwa rimwe gusa kabone n'ubwo habaho guhindurirwa umwanya w'umurimo. | 5° allowance to purchase house furniture and equipment of five million Rwandan francs (Rwf 5,000,000) when he/she takes up office. This allowance shall be granted only once even when there is a change in the State High Political Leader's post. | 5° une allocation pour l'achat du mobilier et autre équipement domestique équivalant à cinq millions de francs rwandais (5.000.000 Frw) lorsqu'ils entrent en fonction. Cette allocation est accordée une seule fois même en cas de changement de poste de travail. |

Amafaranga y'icumbi ya buri kwezi avugwa mu gace ka 1° k'igika cya mbere cy'iyi ngingo

The monthly housing allowance stipulated in point 1° of Paragraph One of this Article, shall

L'indemnité mensuelle de logement visée au point 1° de l'alinéa premier du présent article n'est pas

ntagenerwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, cyangwa uwahoze ari Guverineri w'Intara usubiye ku mwanya wa Guverineri w'Intara mu Ntara yigeze kuyobora; iyo yahawe na Leta inkunga y'icumbi yatanzwe ingunga imwe, ingana na miliyoni cumi n'ebiyiri z'amafaranga y'u Rwanda (12.000.000 Frw), mu gihe hakurikizwaga amategeko yabigenaga.

Ingingo ya 8: Abasenateri n'Abadepite

Abasenateri bagenerwa buri wese umushahara mbumbe w'umurimo ungana n'amafaranga y'u Rwanda miliyoni imwe n'ibihumbi magana atandatu na mirongo irindwi n'icyenda na magana atanu na mirongo icyenda na rimwe (1.679.591 Frw) buri kwezi.

Abadepite bagenerwa buri wese umushahara mbumbe w'umurimo ungana n'amafaranga y'u Rwanda miliyoni imwe n'ibihumbi magana atandatu na cumi na bitatu n'ijana na mirongo itandatu n'arindwi (1.613.167 Frw) buri kwezi.

Abaperezida ba Komisiyo muri Sena no mu Mutwe w'Abadepite, buri kwezi bongererwa buri wese ku mushahara mbumbe amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itatu na bitanu (35.000 Frw) naho aba Visi-Perezida b'izo Komisiyo bakongererwa ibihumbi mirongo itatu (30.000 Frw) buri wese kandi buri kwezi.

Abasenateri n'Abadepite bagenerwa kandi buri wese ibindi bibafasha gutunganya imirimo

not be allocated to the Mayor of the City of Kigali, or a former Governor of Province who is reappointed to the post of Governor of the same Province he/she has governed before, if he/she received the fixed sum accommodation allowance equivalent to twelve million Rwandan francs (Rwf 12,000,000) in respect of relevant prior provision of law.

Article 8: Senators and Deputies

Senators shall each be entitled to a gross salary of one million six hundred seventy nine thousand and five hundred ninety one Rwandan francs (Rwf 1,679,591) per month.

Deputies shall each be entitled to a gross salary of one million six hundred and thirteen thousand and one hundred sixty seven Rwandan francs (Rwf 1,613,167) per month.

In addition to the gross salary, Chairpersons and Deputy Chairpersons of Commissions in the Senate and the Chamber of Deputies shall each be entitled to an amount of thirty five thousand Rwandan francs (Rwf 35,000) and thirty thousand Rwandan francs (Rwf 30,000) per month respectively.

Senators and Deputies shall also each be entitled to the following fringe benefits:

allouée au Maire de la Ville de Kigali, ou à un ancien Gouverneur de Province qui redevient Gouverneur de la même Province qu'il a dirigée avant, s'il a bénéficié d'une indemnité forfaitaire de logement équivalant à douze million de francs rwandais (12.000.000 Frw) conformément aux dispositions légales antérieures y relatives.

Article 8: Sénateurs et Députés

Les Sénateurs bénéficient chacun d'un salaire mensuel brut équivalant à un million six cent soixante-dix-neuf mille cinq cent quatre-vingt-onze francs rwandais (1.679.591 Frw).

Les Députés bénéficient chacun d'un salaire mensuel brut équivalant à un million six cent treize mille cent soixante-sept francs rwandais (1.613.167 Frw).

Les Présidents et les Vice-Présidents des Commissions du Sénat et de la Chambre des Députés bénéficient chacun respectivement d'un supplément de trente-cinq mille francs rwandais (35.000 Frw) et de trente mille francs rwandais (30.000 Frw) par mois en sus du salaire brut.

En outre, les Sénateurs et les Députés bénéficient chacun des avantages suivants:

Official Gazette n° 27 of 07/07/2014

bashinzwe, bikurikira:

1° amafaranga y'icumbi angana n'ibihumbi magana abiri na mirongo itanu by'u Rwanda (250.000 Frw) buri kwezi;

2° Perezida na Visi-Perezida ba Komisiyo bagenerwa buri wese amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo irindwi (70.000 Frw) ya telefoni igendanwa buri kwezi. Buri Musenateri na buri Mudepite bagenerwa amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itanu (50.000 Frw) ku kwezi ya telefoni igendanwa;

3° Amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itatu na bitanu na magana ane y'u Rwanda (35.400Frw) buri kwezi yo kwishyura ifatabuguzi rya internet igendanwa ikoresha kuri mudasobwa;

1° the Government shall grant to each a housing allowance equivalent to two hundred and fifty thousand Rwandan francs (Rwf 250,000) per month;

2° the Chairpersons and Deputy Chairpersons of Commissions shall each be entitled to a mobile phone communication allowance of seventy thousand Rwandan francs (Rwf 70,000) per month. The Senators and Deputies shall each be entitled to a mobile phone communication allowance of fifty thousand Rwandan francs (Rwf 50,000) per month;

3° an amount of thirty five thousand and four hundred Rwandan francs (Rwf 35,400) per month for the subscription to a wireless internet on computer;

1° l'Etat accorde à chacun une indemnité mensuelle de logement équivalant à deux cent cinquante mille francs rwandais (250.000 Frw) ;

2° les Présidents et le Vice-Présidents des Commissions bénéficient chacun des frais de téléphone mobile équivalant à soixante-dix mille francs rwandais (70.000 Frw) par mois. Les Sénateurs et les Députés bénéficient chacun des frais de téléphone mobile de cinquante mille francs rwandais (50.000 Frw) par mois;

3° les frais équivalant à trente-cinq mille quatre cent francs rwandais (35.400 Frw) par mois pour l'abonnement à l'internet sans fil dont l'usage est fait sur ordinateur;

Amafaranga y'icumbi ya buri kwezi avugwa mu gace ka 1° k'igika cya mbere cy'iyi ngingo ntagenerwa Umunyapolitiki Mukuru w'Igihugu uvugwa muri iyi ngingo, iyo yahawe na Leta inkunga y'icumbi yatanze ingunga imwe, ingana na miliyoni cumi n'ebiri z'amafaranga y'u Rwanda (12.000.000 Frw), mu gihe hakurikizwaga amategeko yabigenaga.

The monthly housing allowance stipulated in point 1° of Paragraph One of this Article, shall not be allocated to the State High Political Leader referred to in this Article, if he/she received the fixed sum accommodation allowance equivalent to twelve million Rwandan francs (Rwf 12,000,000) in respect of relevant prior provisions of law.

L'indemnité mensuelle de logement visée au point 1° de l'alinéa premier du présent article n'est pas allouée au haut mandataire politique de l'Etat, dont mention au présent article, s'il a bénéficié d'une indemnité forfaitaire de logement équivalant à douze million de francs rwandais (12.000.000 Frw) conformément aux dispositions légales antérieure y relatives.

Ingingo ya 9: Amafaranga y'ubutumwa imbere mu Gihugu

Iyo Perezida wa Repubulika, Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite na Minisitiri w'Intebe bagiye mu butumwa imbere mu Gihugu, bishyurirwa na Leta amafaranga yose yakoreshejwe muri ubwo butumwa, herekanywe inyemezabuguzi.

Iyo aba Visi-Perezida ba Sena, aba Visi-Perezida b'Umutwe w'Abadepite, Abaminisitiri, abandi bagize Guverinoma bashobora gushyirwaho na Perezida wa Repubulika, Abanyamabanga ba Leta, Abaguverineri b'Intara n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali bagiye mu butumbwa imbere mu Gihugu, buri wese ahabwa amafaranga y'ingoboka angana n'ibihumbi icumi by'amafaranga y'u Rwanda (10.000 Frw) ku muni bakanishyurirwa inyemezabuguzi z'ifunguro, ibinyobwa bidasindisha, n'icumbi igihe baraye mu butumwa, byose bikishyurwa n'urwego bakoramo.

Iyo Abasenateri n'Abadepite bagiye mu butumwa imbere mu Gihugu, buri wese ahabwa amafaranga y'ingoboka angana n'ibihumbi icumi by'amafaranga y'u Rwanda (10.000 Frw) n'amafaranga ibihumbi umunani y'u Rwanda (8.000 Frw) y'ifunguro n'ibinyobwa bidasindisha, buri muni.

Article 9: Allowances for official mission inside the country

For the President of the Republic, The President of the Senate, the Speaker of the Chamber of Deputies and the Prime Minister, the State shall cover all costs relating to their official missions inside the Country upon presentation of receipts.

The Vice-Presidents of the Senate, the Deputy Speakers of the Chamber of Deputies, Ministers, other Cabinet Members who may be appointed by the President of the Republic, Ministers of State, Governors of Provinces and the Mayor of the City of Kigali shall each be entitled to a per diem worth of ten thousand Rwandan francs (Rwf 10,000) per day when on official mission inside the Country. The institution of a High Political Leader shall pay for all the bills for the food, soft drinks, and the bills for accommodation.

Senators and Deputies while on mission within the Country shall each be entitled to a per diem worth of ten thousand Rwandan francs (Rwf 10,000) and eight thousand Rwandan francs (Rwf 8,000) for food and soft drinks per day.

Article 9: Frais de mission officielle à l'intérieur du pays

Toutes les dépenses faites par le Président de la République, le Président du Sénat, le Président de la Chambre des Députés et le Premier Ministre, lors des missions officielle à l'intérieur du pays sont intégralement remboursées par l'Etat sur présentation de la facture.

Les Vice-Présidents du Sénat, les Vice-Présidents de la Chambre des Députés, les Ministres, les autres membres du Gouvernement qui peuvent être nommés par le Président de la République, les Secrétaires d'Etat, les Gouverneurs des Provinces et le Maire de la Ville de Kigali en mission officielle à l'intérieur du pays bénéficient des frais de per diem de dix mille francs rwandais (10.000 Frw) par jour. L'institution de provenance paie pour leur compte les factures de repas, de boissons non alcoolisées, ainsi que celui du logement lorsqu'il leur arrive de passer la nuit en mission.

Les Sénateurs et les Députés en mission officielle à l'intérieur du pays bénéficient chacun d'une somme de dix mille francs rwandais (10.000 Frw) de per diem et d'une somme de huit mille francs rwandais (8.000 Frw) pour le repas et les boissons non alcoolisées, par jour.

Ingingo ya 10: Amafaranga ntarengwa y'ubutumwa imbere mu Gihugu

Ashingiye ku Itegeko n° 41/2011 ryo ku wa 30/09/2011 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imiyoborere, rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 4, 5, 6, 9 n'ya 11;

Pursuant to Law n° 41/2011 of 30/09/2011 establishing the Rwanda Governance Board and determining its mission, organization and functioning, especially in Articles 4, 5, 6, 9 and 11;

Vu la Loi n° 41/2011 du 30/09/2011 portant création de l'Office Rwandais de la Gouvernance et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement, spécialement en ses articles 4, 5, 6, 9 et 11;

Bisabwe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;

On proposal by the Minister of Local Government;

Sur proposition du Ministre de l'Administration Locale;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 28/03/2014 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 28/03/2014;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 28/03/2014;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rigena urwego rureberera Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imiyoborere (RGB). Rigena kandi imiterere, imikorere n'inshingano by'inzego z'imirimbo zacyo.

UMUTWE WA II: URWEGO RUREBERERA RGB N'ICYICIRO IRIMO

Ingingo ya 2: Urwego rureberera RGB

RGB irebererwa na Minisiteri ifite imiyoborere myiza mu nshingano zayo.

Buri mwaka, hakorwa amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa hagati y'Inama y'Ubuyobozi ya RGB na Minisiteri ireberera icyo kigo. Andi masezerano akeneye gukorwa muri RGB ateganywa n'amategeko ngengamikorere yayo.

Ingingo ya 3: icyiciro RGB irimo

RGB iri mu cyiciro cy'ibigo bya Leta bifite inshingano yo guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza no kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage, kugenzura uko ayo mahame ashirwa mu bikorwa mu nzego za Leta n'izigenga no gukora ubushakashatsi ku bibazo bifitanye isano n'imiyoborere hagamijwe gutanga serivisi nziza no kugera ku iterambere rirambye

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Order

This Order determines the supervising authority of Rwanda Governance Board (RGB) and the organisation, functioning and responsibilities of its organs.

CHAPTER II: SUPERVISING AUTHORITY OF RGB AND ITS CATEGORY

Article 2: Supervising authority of RGB

RGB shall be supervised by the Ministry in charge of good governance.

Each year, there shall be concluded a performance contract between the Board of Directors of RGB and the supervising Ministry. Other necessary contracts shall be provided for by the Internal Rules and Regulations of RGB.

Article 3: Category of RGB

RGB is classified in the public institutions charged to promote the principles of good governance and decentralisation, monitor the practices of good governance in public and private institutions and conduct research related to governance for achieving good service delivery, sustainable development and prosperity.

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté détermine l'autorité de supervision de l'Office Rwandais de la Gouvernance (RGB) ainsi que l'organisation, le fonctionnement et les attributions de ses organes.

CHAPITRE II: ORGANE DE TUTELLE DE RGB ET SA CATEGORIE

Article 2: Organe de tutelle de RGB

RGB est placé sous la tutelle du Ministère ayant la bonne gouvernance dans ses attributions.

Chaque année, il est conclu un contrat de performance entre le Conseil d'administration de RGB et le Ministère de tutelle. D'autres contrats nécessaires sont prévus par le règlement d'ordre intérieur de RGB.

Article 3: Catégorie de RGB

RGB est dans la catégorie des établissements publics chargés d'assurer la promotion des principes de la bonne gouvernance et de la décentralisation, faire le suivi de leur mise en application au sein des institutions tant publiques que privées et de mener des recherches sur des questions en rapport avec la gouvernance en vue de rendre de bons services et d'atteindre le

n'uburumbuke.

développement durable et la prospérité.

UMUTWE WA III: UBUBASHA, INSHINGANO N'IMIKORERE BY'INZEGO Z'UBUYOBOZI ZA RGB

CHAPTER III: POWERS, RESPONSIBILITIES AND FUNCTIONING OF RGB ORGANS

CHAPITRE III: POUVOIRS, RESPONSABILITES ET FONCTIONNEMENT DES ORGANES DE RGB

Ingingo ya 4: Inzego z'Ubuyobozi za RGB

Article 4: Management organs of RGB

Article 4: Organes de gestion de RGB

RGB igizwe n'inzego z'ubuyobozi zikurikira:

RGB shall be comprised of the following management organs:

RGB est composée des organes de gestion suivants:

- 1° Inama y'ubuyobozi;
- 2° Ubuyobozi bukuru.

- 1° Board of Directors;
- 2° General Directorate.

- 1° le Conseil d'Administration;
- 2° la Direction Générale.

Ingingo ya 5: Ububasha, inshingano, imikorere n'imikoranire by'inzego z'ubuyobozi za RGB

Article 5: Powers, responsibilities and functioning of management of RGB organs

Article 5: Pouvoirs, responsabilités et fonctionnement de RGB

Bitabangamiye ibivugwa muri iri teka rya Minisitiri w'Intebe, ubundi bubasha, inshingano imikorere n'imikoranire by'inzego z'ubuyobozi za RGB biteganywa n'amategeko nengamikorere.

Notwithstanding to the provisions of this Order, other powers, responsibilities and functioning of management organs of RGB shall be determined by the Internal Rules and Regulations.

Sans préjudice aux dispositions du présent arrêté, d'autres pouvoirs, responsabilités et fonctionnement des organes de gestion de RGB doivent être déterminés par le règlement d'ordre intérieur.

Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi

Section One: Board of Directors

Section première: Conseil d'Administration

Ingingo ya 6: Manda y'Abagize Inama y'Ubuyobozi

Article 6: Mandate of the Board of Directors

Article 6: Mandat du Conseil d'Administration

Abagize Inama y'Ubuyobozi ya RGB bagira manda y'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa.

Members of the Board of Directors of RGB shall have the mandate of three (3) years renewable only once.

Les membres du Conseil d'Administration de RGB ont un mandat de trois (3) ans renouvelable une seule fois.

Ingingo ya 7: Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi

Inama y'Ubuyobozi ya RGB ni rwo rwego ruyiyobora kandi rufata ibyemezo. Ifite ububasha busesuye n'inshingano byo gucunga RGB kugira ngo ishobore kugera ku nshingano zayo.

Ingingo ya 8: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi

Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi ya RGB ni izi zikurikira:

- 1° gufata ibyemezo muri RGB;
- 2° gutanga icyerekezo cy'ibikorwa na gahunda y'imikorere bya RGB;
- 3° kwemeza gahunda y'ibikorwa ya buri mwaka n'ingengo y'imari yabyo;
- 4° kwemeza amategeko ngengamikorere ya RGB;
- 5° kwemeza igitabo cy'amategeko akurikizwa mu mikorere no mu mikoreshereze y'amafaranga;
- 6° gusuzuma imikorere ya RGB hakurikijwe gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari yabyo;
- 7° kwemeza raporo y'ibikorwa na raporo y'imikoreshereze y'umutungo wa RGB za buri gihembwe n'iz'umwaka urangiye.

Article 7: Powers of the Board of Directors

The Board of Directors shall be the governing and decision making organ of RGB. It shall have full powers and responsibilities to manage RGB in order to fulfill its mission.

Article 8: Responsibilities of the Board of Directors

Responsibilities of the Board of Directors of RGB shall be the following:

- 1° to take decisions in RGB;
- 2° to give its strategic vision and programme of action;
- 3° to approve the annual activity plan and its budget;
- 4° to approve the Internal Rules and Regulations of RGB;
- 5° to approve the administrative and financial procedures manual of RGB;
- 6° to evaluate the performance of RGB in accordance with the action plan and the budget;
- 7° to approve the activities and financial quarterly reports and annual reports of the previous year.

Article 7: Pouvoirs du Conseil d'Administration

Le Conseil d'Administration est l'organe dirigeant et de prise de décisions. Il a les pleins pouvoirs et les responsabilités de gérer les biens de RGB pour remplir sa mission.

Article 8: Responsabilités du Conseil d'Administration

Les responsabilités du Conseil d'Administration de RGB sont les suivantes:

- 1° prendre des décisions dans RGB;
- 2° déterminer la vision stratégique et son programme d'action;
- 3° approuver le plan d'activités annuel et son budget;
- 4° approuver les règlements d'ordre intérieur de RGB;
- 5° approuver le manuel de procédures administrative et financier de RGB;
- 6° évaluer la performance de RGB en conformité avec les plans et le budget financier;
- 7° approuver trimestriellement le rapport d'activités et le rapport financier ainsi que ceux de l'année écoulée.

Ingingo ya 9: Itumizwa n'iterana ry'inama z'Inama y'Ubuyobozi n'uburyo ibyemezo bifatwamo

Inama y'Ubuyobozi ya RGB iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi-Perezida, igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.

Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo iterane. icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itanu (5) kugira ngo iterane.

Mu byigwa n'Inama y'Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy'umwaka harimo kwemeza raporo y'imari n'iy'ibikorwa mu mwaka urangiye.

Buri gihembwe kandi Inama y'Ubuyobozi igomba gusuzuma raporo y'imari n'iy'ibikorwa byerekeranye n'igihembwe kirangiye igashyikirizwa Minisitiri ureberera RGB.

Uburyo Inama y'Ubuyobozi ifata ibyemezo biteganywa n'amategeko ngengamikorere ya RGB.

Article 9: Invitation and convening of meetings of the Board of Directors and modalities for taking decisions

The meeting of the Board of Directors of RGB shall be held once in a quarter and whenever considered necessary upon invitation by its Chairperson or in case of his/her absence by its Vice Chairperson, on their own initiative or upon request in writing by a third (1/3) of its members.

The invitation shall be submitted to the members of Board of Directors in writing at least fifteen (15) days before the meeting is held. However, an extraordinary meeting shall be convened in writing at least five (5) days before the meeting is held.

Items to be examined by the meeting of the Board of Directors in the first quarter of the year shall include approval of the financial report and the report of activities of the previous year.

Every quarter, the Board of Directors shall examine the financial and activity reports relating to the previous quarter and the report shall be transmitted to the Minister supervising RGB.

Modalities for decisions making by the Board of Directors shall be determined by the internal rules and regulations of RGB.

Article 9: Invitation et tenue des réunions du Conseil d'Administration et modalités de prise de décisions

La réunion du Conseil d'Administration de RGB se tient une fois par trimestre et toutes les fois qu'il s'avère nécessaire, sur convocation de son Président, ou en cas de son absence, par son Vice président, sur leur propre initiative ou sur demande écrite d'un tiers (1/3) de ses membres.

L'invitation est faite par écrit et transmise aux membres du Conseil d'Administration au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion. Toutefois, une réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins cinq (5) jours avant sa tenue.

Parmi les points à examiner par le Conseil d'Administration au cours du premier trimestre figure notamment l'approbation du rapport financier et du rapport d'activités de l'année précédente.

Chaque trimestre, le Conseil d'Administration doit également examiner le rapport financier et le rapport d'activités relatifs au trimestre précédent et le transmettre au Ministre de tutelle de RGB.

Le mode de prise de décisions par le Conseil d'Administration est déterminé par le règlement d'ordre intérieur de RGB.

Ingingo ya 10: Gutumira mu nama z’Inama y’Ubuyobozi umuntu ushobora kuyungura inama

Inama y’Ubuyobozi ishobora gutumira mu nama zayo umuntu wese ibona ko ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murungo w’ibyigwa. Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry’izindi ngingo ziri ku murungo w’ibyigwa.

Ingingo ya 11: Iyemezwa ry’ibyemezo by’inama z’Inama y’Ubuyobozi n’inyandikomvugo zayo

Inyandiko y’ibyemezo by’inama y’Inama y’Ubuyobozi ishinyirwaho umukono n’abayigize inama ikirangira, kopi yayo ikohererezwa Minisitiri ureberera RGB mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) kugira ngo agire icyo abivugaho mu gihe kitarenze iminsi cumi n’itanu (15) kuva ayishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze ntacyo arabivugaho, ibyemezo by’inama biba byemewe burundu.

Inyandikomvugo y’inama yemezwa mu nama ikurikira, igashyirwaho umukono na Perezida n’umwanditsi bayo. Kopi yayo yohererezwa Minisitiri ureberera RGB mu gihe kitarenze iminsi cumi n’itanu (15) guhera umunsi yemerejweho.

Article 10: Invitation of a resourceful person to the meetings of the Board of Directors

The Board of Directors may invite in its meetings any person from whom it may seek advice on a certain issue on the agenda. The invited person shall not be allowed to vote and follow debates of other items on the agenda.

Article 11: Approval of resolutions and minutes of the meetings of the Board of Directors

Resolutions of the meeting of the Board of Directors shall be signed by its members immediately at its completion, and its copy shall be sent to the Minister supervising RGB in a period not exceeding five (5) days in order to give his/her views within fifteen (15) days upon its reception. If this period expires without having given his/her views, the resolutions of the meeting shall be presumed definitively approved.

The minutes of the meeting shall be approved in the next meeting and signed by both the Chairperson and the rapporteur. The copy of the minutes shall be sent to the Minister supervising RGB in a period not exceeding fifteen (15) days from the date of its approval.

Article 10: Invitation d’une personne ressource aux réunions du Conseil d’Administration

Le Conseil d’Administration peut, au cours de ses réunions, inviter toute personne ressource qu’il juge compétente pour l’examen d’un point inscrit à l’ordre du jour. La personne invitée n’a pas de voix délibérative et ne participe pas aux débats concernant les autres points à l’ordre du jour.

Article 11: Approbation des résolutions et procès-verbaux des réunions du Conseil d’Administration

Les résolutions de la réunion du Conseil d’Administration sont immédiatement signées par les membres présents après la séance et transmises au Ministre de tutelle de RGB dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours pour avis et considérations endéans quinze (15) jours à compter de leur réception. Passé ce délai sans réaction du Ministre, les résolutions de la réunion sont réputées définitives.

Le procès-verbal de la réunion du Conseil d’Administration est signé conjointement par son Président et son rapporteur et soumis à la séance suivante pour approbation. Une copie du procès-verbal est envoyée au Ministre de tutelle de RGB dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours à compter du jour de son approbation.

Ingingo ya 12: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi avanwa muri uwo mwanya n'uko asimburwa

Ugize Inama y'Ubuyobozi ya RGB ava muri uwo mwanya iyo:

- 1° manda ye irangiye;
- 2° yeguye akoresheje inyandiko;
- 3° abangamira inyungu za RGB;
- 4° agaragaje imyitwarire itajyanye n'inshingano ze;
- 5° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) nta subikagihano;
- 6° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro;
- 7° atacyujuje ibyashingiweho ashirwa mu Nama y'Ubuyobozi;
- 8° yireze akemera icyaha cya jenocide;
- 9° atagishoboye kuzuzwa inshingano ze kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe na muganga wemewe na Leta;

Article 12: Reasons for loss of membership to the Board of Directors and replacement modalities

A member of the Board of Directors shall lose membership if:

- 1° his/her term of office expires;
- 2° he/she resigns in writing;
- 3° he/she jeopardizes interests of RGB;
- 4° he/she manifests behaviors contrary to his/her responsibilities;
- 5° he/she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months without suspension of the sentence;
- 6° he/she is absent in meeting for three (3) consecutive times without valid reasons;
- 7° he/she no longer fulfils the requirements considered at the time of his/her appointment in the Board of Directors ;
- 8° he/she confesses and pleads guilty to the crime of genocide;
- 9° he/she is no longer able to perform his/her duties due to physical or mental disability certified by an authorized medical doctor;

Article 12: Causes de perte de la qualité de membre du Conseil d'Administration et modalités de remplacement

Un membre du Conseil d'Administration cesse d'être membre si:

- 1° son mandat expire;
- 2° il démissionne par écrit;
- 3° il compromet les intérêts de RGB;
- 4° il manifeste des comportements contraires à ses fonctions;
- 5° il est définitivement condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois sans sursis;
- 6° il s'absente des réunions trois (3) fois consécutives sans raisons valables;
- 7° il ne remplit plus les conditions requises au moment de sa nomination au sein du Conseil d'administration;
- 8° il avoue et plaide coupable pour le crime de génocide;
- 9° il n'est plus en mesure de remplir ses fonctions pour cause d'incapacité physique ou mentale constatée par un médecin agréé par l'Etat;

Official Gazette n° 27 of 07/07/2014

10° apfuye.

Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya RGB avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda ye irangira, ubuyobozi bubifitiye ububasha bushyiraho umusimbura. Ushyizweho arangiza iyo manda.

Ingingo ya 13: Umwanditsi w'Inama y'Ubuyobozi

Umuyobozi Mukuru wa RGB akurikira inama z'Inama y'Ubuyobozi kandi akazibera umwanditsi. Ashobora kuzitangamo ibitekerezo ariko ntatora mu ifatwa ry'ibyemezo.

Umuyobozi Mukuru wa RGB ntajya mu nama zifata ibyemezo ku bibazo bimureba; icyo gihe Inama y'Ubuyobozi yitoramo umwanditsi.

Amategeko ngengamikorere ya RGB agena usimbura Umuyobozi Mukuru iyo adahari.

Ingingo ya 14: Uburyo ugize Inama y'Ubuyobozi amenyesha ko afite inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa

Iyo uri mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya RGB afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa cyangwa bizasuzumwa vuba, agomba, akimenya ibizasuzumwa,

10° he/she dies.

In case a member of the Board of Directors leaves his/her duties before the expiration of his/her term of office, the competent authority shall appoint his/her substitute to complete the remaining term of office.

Article 13: Rapporteur of the Board of Directors

The Chief Executive Officer of RGB shall attend the meetings of the Board of Directors and serve as its rapporteur. He/she may give views but he/she is not allowed to vote during decision making.

The Chief Executive Officer of RGB shall not attend meetings that take decisions in issues that concern him/her; in that case, the Board shall elect a rapporteur among its members.

The Internal Rules and Regulations of RGB shall determine the person to replace the Chief Executive Officer, in case of his/her absence.

Article 14: Procedures through which a member of the Board of Directors makes a notification of personal interest in issues under examination

When a member of the Board of Directors of RGB has direct or indirect personal interests in the issues under examination or to be examined soon, as soon as he/she is informed of the agenda, he/she shall

10° il décède.

Si un membre du Conseil d'Administration de RGB perd la qualité de membre avant l'expiration de son mandat, l'autorité compétente désigne un remplaçant qui termine le mandat de celui qu'il a remplacé.

Article 13: Rapporteur du Conseil d'Administration

Le Directeur Général en Chef de RGB assiste aux réunions du Conseil d'Administration et en est le rapporteur. Il peut participer aux débats mais sans voix délibérative.

Le Directeur Général en Chef de RGB ne prend pas part aux réunions qui traitent des points qui le concernent personnellement. Dans ce cas, le Conseil d'Administration élit en son sein un rapporteur.

Le règlement d'ordre intérieur de RGB détermine le remplaçant du Directeur Général en Chef, en cas de son absence.

Article 14: Modalités de déclaration d'intérêt lié aux points sous examen par un membre du Conseil d'Administration

Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration de RGB a un intérêt personnel direct ou indirect lié aux points sous examen ou devant être examinés prochainement, il doit, aussitôt qu'il est informé de

kumenyesha bidatinze Inama y'Ubuyobozi, aho inyungu ze zishingiye. Umenyesheje inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntashobora gutora mu gihe hafatwa ibyemezo kuri icyo kibazo.

Iyo bigararagaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya RGB bafite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa cyangwa bizasuzumwa vuba, ku buryo bidashoboka gufata ibyemezo kuri ibyo bibazo, ibyo bibazo bishyikirizwa urwego rureberera RGB.

Icyiciro cya 2: Ubuyobozi Bukuru

Ingingo ya 15: Inshingano z'Ubuyobozi Bukuru

Imicungire ya buri muni ya RGB ishinzwe Ubuyobozi Bukuru bwayo.

Ingingo ya 16: Abagize Ubuyobozi Bukuru

Ubuyobozi Bukuru bwa RGB bugizwe n'aba bakurikira:

- 1° Umuyobozi Mukuru;
- 2° Umuyobozi Mukuru Wungirije ushinzwe kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage no guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza;

immediately inform the Board of Directors of the basis of his/her interests. Such a person shall not vote during decision taking on such an issue.

When majority or all members of Directors of RGB has direct or indirect interests in a matter being discussed or to be discussed, to the extent that a decision cannot be taken, the issue(s) shall be forwarded to the organ supervising RGB.

Section 2: General Directorate

Article 15: Responsibilities of the General Directorate

The daily management of RGB shall be entrusted with its General Directorate.

Article 16: Composition of the General Directorate

The General Directorate of RGB shall be composed of:

- 1° the Chief Executive Officer;
- 2° the Deputy Chief Executive Officer in charge of Decentralization and Good Governance;

l'ordre du jour, informer sans délai le Conseil d'Administration du lien entre ses intérêts et les points à l'ordre du jour. Le concerné ne participe pas à la prise de décision sur ce point.

Lorsqu'il s'avère que plusieurs ou tous les membres du Conseil d'Administration de RGB ont un intérêt personnel direct ou indirect lié aux points sous examen ou devant être examinés prochainement, de telle sorte qu'il est impossible de prendre une décision sur ses points, l'examen de ces points est transféré à l'organe de tutelle de RGB.

Section 2: Direction Générale

Article 15: Responsabilités de la Direction Générale

La gestion journalière de RGB est confiée à sa Direction Générale.

Article 16: Composition de la Direction Générale

La Direction Générale de RGB est composée du:

- 1° Directeur Général en Chef;
- 2° Directeur Général en Chef Adjoint en charge de la décentralisation et la bonne gouvernance;

Official Gazette n° 27 of 07/07/2014

3° Umuyobozi Mukuru Wungirije ushinzwe ubushakashatsi n'ubugenzuzi mu byerekeye imiyoborere.

3° the Deputy Chief Executive Officer in charge of Governance Research and Monitoring.

3° Directeur Général en Chef Adjoint en charge de la recherche et de contrôle sur la gouvernance.

Ingingo ya 17: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru

Umuyobozi Mukuru ni we uhuza akanayobora ibikorwa bya buri muni bya RGB kandi akabazwa n'Inama y'Ubuyobozi uko ibyemezo byayo bishyirwa mu bikorwa.

By'umwihariko, Umuyobozi Mukuru wa RGB ashinzwe ibi bikurikira:

- 1° gutanga amabwiriza y'akazi muri RGB n'ay'inzego zayo z'ubuyobozi afiteho ububasha;
- 2° gutegura imbanzirizamushinga igaragaza icyerekezo cya RGB kugira ngo igere ku nshingano zayo;
- 3° kuyobora, gukurikirana no kugenzura imikorere y'abakozi ba RGB;
- 4° kwita ku micungire ya RGB mu rwego rwa tekiniki, urw'ubuyobozi n'imari;
- 5° gukurikirana imicungire y'umutungo wa RGB;
- 6° gutegura no gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari izakoreshwa mu

Article 17: Responsibilities of the Chief Executive Officer

The Chief Executive Officer shall direct and coordinate the daily activities of RGB and be responsible for the implementation of Board of Directors' decisions.

The Chief Executive Officer of RGB shall specifically be responsible for:

- 1° giving instructions for RGB and to the management organs of his/her competence;
- 2° developing a strategic plan proposal of the RGB so as to achieve its mission;
- 3° managing, controlling and monitoring the staff of RGB;
- 4° ensuring RGB technical, administrative and financial management;
- 5° ensuring a good management of RGB property;
- 6° preparing and submitting to the Board of Directors the budget proposal of the following fiscal year and budget execution

Article 17: Attributions du Directeur Général en Chef

Le Directeur Général en Chef est chargé de coordonner et de diriger les activités quotidiennes de RGB et est responsable de l'exécution des décisions du Conseil d'Administration.

Le Directeur Général en Chef de RGB est particulièrement chargé de:

- 1° donner des instructions au sein de RGB et aux organes de gestion de sa compétence;
- 2° élaborer une proposition de plan stratégique de RGB afin de permettre à celui-ci de réaliser sa mission;
- 3° gérer, contrôler et veiller au bon fonctionnement du personnel de RGB;
- 4° assurer la gestion financière, technique et administrative de RGB;
- 5° veiller à une bonne gestion du patrimoine de RGB;
- 6° élaborer et soumettre au Conseil d'Administration le projet du budget pour l'exercice de l'année suivante ainsi que le

Official Gazette n° 27 of 07/07/2014

mwaka ukurikira na raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka urangiye;	report for the previous year;	rapport d'exécution du budget de l'année écoulée;
7° gutegura gahunda y'ibikorwa no kuyishyikiriza Inama y'Ubuyobozi;	7° preparing the action plan and submitting it to the Board of Directors;	7° préparer le plan d'action et le soumettre au Conseil d'Administration;
8° gutegura imbanzirizamushinga y'imbonerahamwe n'imiterere y'inzego z'imirimu bya RGB akayishyikiriza Inama y'Ubuyobozi;	8° preparing and submitting to the Board of Directors the draft proposal of the RGB's structure;	8° préparer et soumettre au Conseil d'Administration le projet de proposition de la structure de RGB;
9° gutegura imbanzirizamushinga y'amategeko ngengamikorere ya RGB;	9° preparing RGB draft proposal of its Internal Rules and Regulations;	9° préparer le projet du règlement d'ordre intérieur de RGB;
10° gutegura buri mwaka ndetse na buri gihembwe raporo y'ibikorwa na raporo y'imikoreshereze y'umutungo wa RGB;	10° preparing on the quarterly and annual basis the activities report and report on management of the property of RGB;	10° préparer trimestriellement et annuellement le rapport d'activités et rapport de gestion du patrimoine de RGB;
11° gushyira mu bikorwa ibyemezo byafashwe n'Inama y'Ubuyobozi ya RGB;	11° implementing decisions of the Board of Directors of RGB;	11° mettre en exécution les décisions du Conseil d'Administration de RGB;
12° guhagararira RGB imbere y'amategeko no mu zindi nzego.	12° representing RGB before the law and other institutions.	12° représenter RGB devant la loi et d'autres institutions.

Ingingo ya 18: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru Wungirije ushinzwe kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage no guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza

Umuyobozi Mukuru Wungirije ushinzwe kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage no guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza

Article 18: Responsibilities of the Deputy Chief Executive Officer in charge of Decentralisation and promotion of Good Governance

The Deputy Chief Executive Officer in charge of Decentralization and promotion of Good Governance shall have the following

Article 18: Attributions du Directeur Général en Chef Adjoint en charge de la décentralisation et de la promotion de la bonne gouvernance

Le Directeur Général en Chef Adjoint en charge de la décentralisation et de la promotion de la bonne gouvernance a les attributions suivantes:

Official Gazette n° 27 of 07/07/2014

afite inshingano zikurikira:

- 1° kunganira Umuyobozi Mukuru mu kurangiza neza inshingano ze;
- 2° gukurikirana gahunda zihariye zo kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage no guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza;
- 3° gusuzuma imikorere y'abakozi ashinzwe hakurikijwe inshingano zabo n'iz'ikigo;
- 4° gukora izindi nshingano yahabwa n'Umuyobozi Mukuru ndetse n'iziteganywa n'amategeko ngenamikorere ya RGB.

responsibilities:

- 1° to assist the Chief Executive Officer to implement his/her responsibilities;
- 2° to follow the specific decentralization and promotion of good governance programs;
- 3° evaluate the performance of the staff under his/her supervision in accordance with their responsibilities;
- 4° do other duties as shall be given by the Chief Executive Officer and as provided for by the Internal Rules and Regulations of RGB.

- 1° assister le Directeur Général en Chef dans la mise en exécution de ses attributions;
- 2° assurer le suivi de la décentralisation et de la promotion des programmes spécifiques de bonne gouvernance;
- 3° évaluer le rendement des membres du personnel sous sa supervision, conformément à leurs attributions;
- 4° exécuter toute autre tâche donnée par le Directeur Général en Chef ainsi que celles prévues par le règlement d'ordre intérieur de RGB.

Ingingo ya 19: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru Wungirije ushinzwe ubushakashatsi n'ubugenzuzi mu byerekeye imiyoborere

Umuyobozi Mukuru Wungirije ushinzwe ubushakashatsi n'ubugenzuzi mu byerekeye imiyoborere afite inshingano zikurikira:

- 1° kunganira Umuyobozi Mukuru mu kurangiza neza inshingano ze;
- 2° gukurikirana gahunda zihariye zo guteza imbere ubushakashatsi n'ubugenzuzi mu byerekeye imiyoborere;
- 3° gusuzuma imikorere y'abakozi ashinzwe

Article 19: Responsibilities of the Deputy Chief Executive Officer in charge of Governance Research and Monitoring

Deputy Chief Executive Officer in charge of Governance Research and Monitoring shall have the following responsibilities:

- 1° to assisting the Chief Executive Officer to implement his/her responsibilities;
- 2° to follow up the specific programs on research and monitoring on governance;
- 3° to evaluate the performance of the staff

Article 19: Attributions du Directeur Général en Chef Adjoint en charge de la recherche et de surveillance sur la gouvernance

Le Directeur Général en Chef Adjoint en charge de la recherche et de surveillance sur la gouvernance a les attributions suivantes:

- 1° assister le Directeur Général en Chef dans la mise en exécution de ses attributions;
- 2° assurer le suivi des programmes spécifiques de recherche et de contrôle sur la gouvernance;
- 3° évaluer le rendement des membres du

Official Gazette n° 27 of 07/07/2014

hakurikijwe inshingano zabo n'iz'ikigo;

under his/her supervision in accordance with their responsibilities;

personnel sous sa supervision, conformément à leurs attributions;

4° gukora izindi nshingano yahabwa n'Umuyobozi Mukuru ndetse n'iziteganywa n'amategeko ngenamikorere ya RGB.

4° do do other duties as shall be given by the Chief Executive Officer and as provided for by the Internal Rules and Regulations of RGB.

4° exécuter toute autre tâche donnée par le Directeur Général en Chef ainsi que celles prévues par le règlement d'ordre intérieur de RGB.

UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA

CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS

CHAPTER IV: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 20: Abashinzwe kuhahiriza iri teka

Article 20: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 20: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi basabwe kubahiriza iri teka.

The Minister of Local Government, the Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.

Le Ministre de l'Administration Locale, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Ingingo ya 21: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 21: Repealing provision

Article 21: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 22: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 22: Commencement

Article 22: Entrée en vigueur

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 18/06/2014

Kigali, on 18/06/2014

Kigali, le 18/06/2014

Official Gazette n° 27 of 07/07/2014

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

(sé)
MUSONI James
Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

(sé)
MUSONI James
Minister of Local Government

(sé)
MUSONI James
Ministre de l'Administration Locale

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°65/03
RYO KUWA 18/06/2014 RISEZERERA NTA
MPAKA UMUYOBOZI MUKURU

PRIME MINISTER'S ORDER N°65/03 OF
18/06/2014 REMOVING FROM OFFICE A
DIRECTOR GENERAL

ARRETE DU PREMIER MINISTRE N° 65/03
DU 18/06/2014 PORTANT DEMISSION
D'OFFICE DU DIRECTEUR GENERAL

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Gusezererwa nta mpaka

Article One: Removal from Office

Article premier : Démission d'office

**Ingingo ya 2 : Abashinzwe kubahiriza
iri teka**

**Article 2 : Authorities responsible for the
implementation of this Order**

**Article 2 : Autorités chargées de l'exécution du
présent arrêté**

**Ingingo ya 3 : Ivanwaho ry'ingingo
zinyuranyije n'iri teka**

Article 3 : Repealing provision

Article 3 : Disposition abrogatoire

Ingingo ya 4 : Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 4 : Commencement

Article 4 : Entrée en vigueur

Official Gazette n° 27 of 07/07/2014

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°65/03 RYO KUWA 18/06/2014 RISEZERERA NTA MPAKA UMUYOBOZI MUKURU **PRIME MINISTER'S ORDER N°65/03 OF 18/06/2014 REMOVING FROM OFFICE A DIRECTOR GENERAL** **ARRETE DU PREMIER MINISTRE N° 65/03 DU 18/06/2014 PORTANT DEMISSION D'OFFICE DU DIRECTEUR GENERAL**

Minisitiri w'Intebe,

The Prime Minister,

Le Premier Ministre,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 118, iya 119, iya 121 n'iya 201 ;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 118, 119, 121 and 201 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 Juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 118, 119, 121 et 201 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 86/2013 of 11/09/2013 rishyiraho Sitati Rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 95;

Pursuant to the Law n° 86/2013 of 11/09/2013 Establishing the General Statutes for Public Service, especially in Article 95;

Vu la Loi n° 86/2013 of 11/09/2013 portant Statut Général de la Fonction Publique, spécialement en ses article 95;

Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;

On proposal by the Minister of Public Service and Labour;

Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail ;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 11/09/2013 imaze kubisuzuma no kubyemeza ;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 11/09/2013;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 11/09/2013;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

Ingingo ya mbere: Gusezererwa nta mpaka

Article One: Removal from office

Article premier : Démission d'office

Bwana Elias BAINGANA wari Umuyobozi Mukuru ushinzwe Ingingo y'Imari ya Leta muri Minisitiri y'Imari n'Igenamigambi asezerewe nta mpaka mu Bakozi ba Leta.

Mr Elias BAINGANA, Director General of National Budget in the Ministry of Finance and Economic Planning is hereby removed from office.

Monsieur Elias BAINGANA, Directeur Général du Budget National dans le Ministère des Finances et de la Planification est démis d'office de ses fonctions.

Article 2: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe kubahiriza iri teka.

Ingingo ya 3 : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'Amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 4 : Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera ku wa 11/03/2014

Kigali, ku wa 18/06/2014

Article 2 : Authorities responsible for the implementation of this Order

The Prime Minister, the Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.

Article 3 : Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 4 : Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect as of 11/03/2014.

Kigali, on 18/06/2014

Article 2 : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Premier Ministre, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Article 3 : Disposition abrogatoire

Toutes les autres dispositions antérieures et contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 4 : Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il sort ses effets à partir du 11/03/2014.

Kigali, le 18/06/2014

Official Gazette n° 27 of 07/07/2014

(sé)

Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)

Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)

Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

(sé)

Anastase MUREKEZI
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

(sé)

Anastase MUREKEZI
Minister of Public Service and Labour

(sé)

Anastase MUREKEZI
Ministre de la Fonction Publique et du
Travail

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice / Attorney General

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux